HARI IBIBAZO BIHORAHO UMUGORE AHORA YIBAZA BURI GIHE, KU IBYEREKEYE AMARASO AMUSOHOKAMO, K'UBURYO AREKA GUSENGA KUBERA YO, CYANGWA ASHOBORA KOGA AGASALI?

MURI AYO MARASO HARIMO: IMIHANGO: AKABA ARI AMARASO YA KAMERE ASOHOKA MURI NYABABYEYI MU GIHE RUNAKA.

IMANA YAYAREMYE KUBERA IMPAMVU IKOMEYE: ARIYO KUGABURIRA UMWANA URI MU NDA.

IGIHE CYOSE UMUGORE ABONYE AMARASO AMUSOHOTSEMO, ABA ARI IMIHANGO HATITAWE KU MYAKA ATANGIRIYEHO N'IGIHE AZARANGIRIRA.

AMARASO Y'IMIHANGO NTA GIPIMO CY'IMINSI MIKEYA AGIRA.

NTA N’IGIPIMO CY’IMINSI MYINSYI AYO MARASO AGIRA.

AHUBWO BITERWA N’UKO UMUGORE ABIBONA BURI GIHE. ICYO GIHE AYO MARASO ABA ARI IMIHANGO.

KANDI UBUSANZWE NI UKO UMUGORE AJYA MU MIHANGO IMINSI ITANDATU CYANGWA IRINDWI.

IKIRANGA KO IMIHANGO IRANGIYE: NI UGUSOHOKA IBINTU BY’UMWERU BIZA IMIHANGO IRANGIYE.

UMUGORE UTAGIRA IBYO BINTU BY’UMWERU: IKIMUBWIRA KO IMIHANGO YARANGIYE NI UKUMUKA KW’AMARASO BURUNDU.

UMUGORE URI MU MIHANGO: ATEGETSWE KUREKA ISWALA NI IGISIBO, HANYUMA AKAZISHYURA IGISIBO GUSA NTIYISHYURE ISWALA.

ISTIHADWA: NI AMARASO ASOHOKA MU BWAMBURE BW'UMUGORE MU MINSI ITARI IYI MIHANGO, BITEWE N'UBURWAYI BUFATA NYABABYEYI.

IGITANDUKANYA AMARASO Y'IMIHANGO NA ISTIHADWA: NI UKO IMIHANGO IBA YIRABURA KANDI IREMEREYE, AFITE IMPUMURO MBI KANDI ATAGANDA.

NAHO ISTIHADWA: YO NI AMARASO ATUKURA, ATAGIRA IMPUMURO KANDI YOROHEREYE, KANDI IYO ASOHOTSE RAGANDA.

UBUSANZWE NI UKO AMARASO YOSE ASOHOTSE MU BWAMBURE BW'UMUGORE ABA ARI: IMIHANGO.

KUGEZA UBWO HABONETSE IKIMENYETSO KIGARAGAZA KO AYO MARASO ARI ISTIHADWA, KUKO AYO ARIYO MARASO YA KAMERE, NAHO

ISTIHARWA AKABA ARI UBURWAYI, KANDI UBUSANZWE UMUGORE AGOMBA KUBA ARI MUZIMA.

UMUGORE URI MURI ISTIHADWA: AGOMBA GUSARI GUSIBA KANDI AGATAWAZA KURI BURI SENGESHO IGIHE CYARYO KIGEZE.

UMUGORE KANDI URI MURI ISTIHADWA: ASHOBORA GUFATANYA ISWALA YA ADHUHURI NA AL ASWIRI MU GIHE CY'IMWE MURI IZO SWALA.

NDETSE ASHOBORA GUFATANYA ISWALA YA MAGARIB NA AL ISHAU, KUGIRA NGO YOROHEREZWE.

ARIKO AKAREKA ISWALA NA SWAUMU MU GIHE ARI MU BIHE BYE BISANZWE BY'IMIHANGO.

UMUGORE URI MURI ISTIHADWA NDETSE N'IMIHANGO, NI UBURYO BUTATU:

**1.** NI UKUBA HARI IBYO YARAMENYEREYE MBERE YUKO AJYA MURI ISTIHADWA.

ICYO GIHE: ARAREKA IMINSI YARAMENYEREYE IKARANGIRA YARANGIZA AKOGA AGASARI.

**2.** KUBA NTA KAMENYERO YARI AFITE MBERE YA ISTIHADWA: ARIKO AKABA AZI GUTANDUKANYA AMARASO Y'IMIHANGO N'AYANDI AKURIKIJE UKO AYO MARASO AMEZE.

ICYO GIHE AREKA GUSARI IGIHE ABONAMO AMARASO AZI NEZA KO ARI IMIHANGO, HANYUMA AKOGA AGASARI.

**3.** KUBA NTA KAMENYERO AFITE MBERE YA ISTIHADWA NDETSE AKABA ATAZI GUTANDUKANYA AYO MARASO YOMBI.

ICYO GIHE: AREKA GUSARI IMINSI ISANZWE Y'IMIHANGO ITANDATU CYANGWA IRINDWI, BURI KWEZI.

NAHO IBISANZA: NI AMARASO ASOHOKA MU BWAMBURE IGIHE UMUGORE AMAZE KUBYARA.

AYO MARASO: NTA MINSI MIKEYA AGIRA NTA N'IMINSI MYINSHI AGIRA.

ARIKO AKENSHI NTAKUNDA KURENZA IMINSI MIRONGO INE.

UMU SALAMAT YARAVUZE ATI "ABAGORE BARI MU BISANZA KU GIHE CY'INTUMWA BAJYAGA BAMARA IMINSI 40, NI BYIZA RERO KO UMUGORE WESE YIHATIRA KWIGA AYA MATEGEKO.

AGAKORA UKO ASHOBOYE MU ISWALA ZE N'AMASENGESHO YE MU

GUSHAKISHA UKWISHIMIRWA N’IMANA NO KUZABONA IBIHEMBO MU IJURU.